Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.

IFISHI Y'AMAKURU KU RUBANZA

Kugeza ubu, abantu umunani barezwe na TPIR kubera uruhare rwabo muri jenoside yakorewe mu Rwanda mu mwaka wa 1994 ntibarafatwa. Hateganyijwe ko MICT izaburanisha abaregwa batatu bakurikira: Augustin Bizimana, Félicien Kabuga na Protais Mpiranya. Abandi batanu ari bo Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Ryandikayo na Phénéas Munyarugarama, imanza zabo zoherejwe mu Rwanda. Ladislas Ntaganzwa, na we washakishwaga kandi urubanza rwe rukaba rwaroherejwe mu Rwanda, yafatiwe muri Kongo ku itariki ya 9 Ukuboza 2015.

MICT-12-02

ARASHAKISHWA - PROTAIS MPIRANYA

Protais Mpiranya yari Komanda wa batayo y'abajepe yo mu ngabo z'u Rwanda ("FAR") kuva muri Mutarama kugera muri Nyakanga 1994

Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye	1960, Komine ya Giciye, Perefegitura ya Gisenyi, Rwanda
Inyandiko y'ibirego	Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki ya 4 Kamena 2013
Aho urubanza rugeze	Arashakishwa kuva ku itariki ya 28 Mutarama 2000

AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

INYANDIKO Y'IBIREGO

Inyandiko y'ibirego ishinja Protais Mpiranya jenoside, cyangwa icyo cyaha kiramutse kitamuhamye, kuba icyitso cy'abakoze jenoside; ashinjwa kandi n'ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ubuhotozi nk'igikorwa kinyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera yayo ya II, byakorewe mu Rwanda hagati y'itariki ya 6 Mata n'iya 17 Nyakanga 1994. Muri icyo gihe, Mpiranya yari Komanda wa batayo y'abajepe yo mu ngabo z'u Rwanda.

Mu Nyandiko y'Ibirego havugwamo ko Mpiranya yategetse ko abantu bafatwaga nk'Abatutsi bicwa kandi/cyangwa baterwa ububabare buzahaza umubiri. Havugwamo kandi ko yategetse iyicwa ry'abantu bakurikira: Agathe Uwilingiyimana wari Minisitiri w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuho, Joseph Kavaruganda wari Perezida w'Urukiko rurinda iremezo ry'Itegekonshinga, Frédérique Nzamurambaho wari Minisitiri w'Ubuhinzi, Faustin Rucogoza wari Minisitiri w'Itangazamakuru na Félicien Ngango wari Visiperezida w'Ishyaka riharanira demokarasi n'imibereho myiza y'abaturage (PSD) wagombaga kuzaba umukandida ku mwanya wa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho mu rwego rw'Amasezerano ya Arusha. Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo kandi ko Mpiranya agomba kuryozwa urupfu rw'abasirikare icumi b'Ababiligi bo muri MINUAR babungabunga amahoro bishwe n'abasirikare ba FAR mu Kigo cya gisirikare cya Kigali.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko muri icyo gihe, mu Rwanda hose hari ibitero rusange kandi/cyangwa biri kuri gahunda byibasiraga abaturage b'abasivire bazira ko ari Abatutsi no kubera impamvu za poritike. Muri ibyo bitero,

Abanyarwanda bamwe bishe cyangwa bakomeretsa abantu bafatwaga nk'Abatutsi, abataravugaga rumwe n'ubutegetsi n'abafitanye isano na bo ndetse n'abasirikare bari bashinzwe kubungabunga amahoro.

Ibyaha aregwa mu Nyandiko y'ibirego ni ibi:

Ikirego kimwe cya Jenoside (Ikirego cya 1)

Ikirego kimwe cyo Kuba icyitso cy'abakoze jenoside (Ikirego cya 2)

Ibirego bitanu by'Ibyaha byibasiye inyokomuntu
- Ubuhotozi (Ikirego cya 3)
- Itsembatsemba (Ikirego cya 4)
- Gusambanya ku gahato (Ikirego cya 5)
- Gutoteza (Ikirego cya 6)
- Ibindi bikorwa bibi birenze kameremuntu (Ikirego cya 7)

Icyaha kimwe cy'Ibikorwa binyuranyije n'Ingingo ya 3 ihuriweho n'Amasezerano y'i Jeneve n'Inyongera yayo ya II
- Ubuhotozi (Ikirego cya 8)

Gushyikiriza MICT dosiye y'urubanza

Ku itariki ya 1 Kanama 2012, dosiye y'urubanza rwa Protais Mpiranya yashyikirijwe Porokireri wa MICT.

Ku itariki ya 29 Mata 2013, Umucamanza umwe rukumbi wa MICT, Vagn Joensen, yasohoye urwandiko rwo gufata n'itegeko ryo kwimura bisaba ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye gushakisha Mpiranya, kumufata no kumushyikiriza Ishami rya MICT riri Arusha, aho azafungirwa muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye.

Nk'uko biteganywa mu Cyemezo N° 1966 (2010) cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi, ibihugu byose bifite inshingano yo gufatanya na MICT mu gushakisha abaregwa bagishakishwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza inkiko zigomba kubaburanisha.